IMYANZURO Y'INGENZI Y'INAMA NYUNGURANABITEKEREZO Y'ABAGIRA URUHARE MU MWUGA WO GUTWARA ABAGENZI

IRIBURIRO

Ikigo ngenzuramikorere (RURA) gishingiye ku itegeko n° 39/2001 ryo kuwa 13 nzeli 2001 rigishyiraho cyane cyane mu ngingo ya 1, 2, 5, 6, 40 – 42 na 48, cyakoresheje inama nyunguranabitekerezo guhera ku itariki ya 12 kugeza ku ya 15 Werurwe muri Hoteli La Palisse Nyandungu.

Insanganyamatsiko y'iyo nama nyunguranabitekerezo igira iti: ***"Abakora umwuga w'itwara ry'abantu n'ibintu muharanire gutanga serivisi nziza kuko ari inkingi y'iterambere".***

Iyo nama yahuje abakora umwuga wo gutwara abagenzi yitabiriwe n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali hamwe n'inzego zikurikira:

- MINICOM;
- Polisi y'igihugu ishami rishinzwe umutekano w'ibinyabiziga mu Gihugu;
- ADECOR na ADDCR (amashyirahamwe y'abahagarariye abafatabuguzi);
- Abakozi ba RURA, ishami rishinzwe kurengera abaguzi, iry'ubukungu n'iry'amategeko;
- Abakora umwuga wo gutwara abagenzi bakurikira: ONATRACOM, ATRACO, VIRUNGA, HORIZON, CODACE, KTS, CAMEL, ATAVORWA, RUGALI, VOLCANO, STELLA EXPRESS, KIGALI SAFARIS, KBS, ZEBRA, SOTRA, OMEGA CAR, BERVEDERE LINES, n'IMPALA.

Inama yayobowe n'Umuyobozi Mukuru wa RURA. Mu kuyitangiza, yibanze ku ngingo nkuru zikurikira:

- Ibibazo bigaragara mu gutwara abagenzi n'umuti ukenewe;
- Icyerekezo cy'u Rwanda mu gutwara abagenzi.

Nyuma y'ijambo ry'umuyobozi w'Ikigo Ngenzuramikorere hatanzwe ibiganiro binyuranye byaganiriweho mu rwego rwo kurushaho kunoza unwuga wo gutwara abagenzi.

IBIGANIRO

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ibiganiro n'inzego zabitanze:

UMUNSI	IKIGANIRO	URWEGO RWATANZE IKIGANIRO
12/3/2009	Uburenganzira bw'umuguzi	RURA
	Aho imodoka zitwara abagenzi zihagarara, ibibazo n'ingamba	Umujyi wa Kigali
	Politiki n'amategeko mu kurengera umuguzi Uruhare rwa MINICOM	MINICOM
	Politiki yo gutwara abantu n'ibintu, uko imihanda, ibyapa n'amatara ayobora imodoka biteye	MININFRA
13/3/2009	Gutwara abantu mu cyaro	ONATRACOM
	Irushanwa mu gutwara abagenzi	RURA
	Ikemurampaka	RURA
	Igenzura ry'ibinyabiziga	Controle Automobile
14/3/2009	Uko uburenganzira bwo gutwara abagenzi butangwa	RURA
	Ishoramari mu gutwara abagenzi	RURA
	Umutekano mu muhanda	Traffic Police
	Ishyirwaho ry'ibiciro bikurikizwa mu gutwara abagenzi	RURA
15/3/2009	Imikorere myiza hirya no hino ku isi	RURA
	Kugena aho amatagisi akorera n'uko bikurikizwa n'abatwara abagenzi	ATRACO

Ibiganiro byakurikirwaga n'ibibazo no kungurana ibitekerezo. Mu gusoza inama, hafashwe imyanzuro.

IMYANZURO Y'INGENZI

Abari mu nama bemeje ibi bikurikira:

1. Gushyiraho ingamba zituma abakora umwuga wo gutwara abagenzi bitabira gukoresha imodoka nini zitwara abagenzi benshi kandi neza kuko bigabanya akajagari mu mujyi;
2. Kwihutisha amabwiriza agenga imikorere y'abatwara abagenzi (codes of conduct);
3. Gushyiraho amabwiriza ngenderwaho agenga imiterere n'imikorere ya gare;
4. Gushyiraho amabwiriza agenga imiterere n'imikorere y'amagaraji akanika imodoka zitwara abagenzi;
5. Gushyiraho amabwiriza agenga ibigo byigisha gutwara imodoka;
6. Gushyirwaho amabwiriza agenga abakora umwuga wo kugurisha imodoka n'ibyuma bisimbura ibitagikora;
7. Kwegurira imicungire ya gare abantu badakora umwuga wo gutwara abantu n'ibintu kugira ngo hirindwe igongana ry'inyungu;
8. Gushyiraho, mu gihe kitarenze amezi 3, ikarita iranga umushoferi utwara abagenzi.
9. Kugira isuku: mu modoka itwara abagenzi, abashoferi n'abaconvoyeurs; abatabyubahiriza bagahanwa;
10. Kugira umwambaro uranga abatwara abagenzi utuma umugenzi atandukanya sosiyeti n'iyindi. Buri sosiyeti ikora uwo mwuga izageza kuri RURA mu gihe kitarenze ukwezi ikirango n'umwambaro wayo. Imyambaro izatangira gukoreshwa mu gihe kitarenze amezi atatu;
11. Gukemura ikibazo cy'aho imodoka zitwara abagenzi zihagarara mu Mujyi wa Kigali cyane cyane muri Centre Ville;
12. Kumanika ibiranga imodoka n'ibiciro mu modoka. Utazabikora azabihanirwa;
13. Kongera ubushobozi (abakozi n'ibikoresho) bw'ishami rya Polisi y'igihugu rishinzwe kugenzura ubuzima bw'ibinyabiziga kugira ngo ritange vuba serivisi;
14. Guhugura abakora umwuga wo gutwara abagenzi uhereye ku bashoferi. Mu gihe kitarenze ukwezi, RURA izashyira ahagaragara agatabo karimo inyigisho fatizo ku mwuga wo gutwara abagenzi;
15. Kongera amahugurwa ku bijyanye no kugendera mu muhanda ku buryo agera ku baturage benshi;
16. Koroshya uburyo bwo kubona uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga;

17. Gushyiraho uburyo ubuziranenge bw'ibyuma by'imodoka bisimbura ibindi buzajya bwemezwa;
18. Gukora ibaruramari ryafasha mu kugena ibiciro mu gutwara abagenzi.
19. Gushyiraho akanama gashinzwe kwiga, mu gihe kitarenze amezi abiri, uburyo haboneka abatwara abagenzi mu Mujyi wa Kigali bafite ubushobozi buhagije bwo gutwara abagenzi benshi kandi neza;
20. Kugena, mu gihe kitarenze ukwezi, aho imodoka zitwara abagenzi bava mu ntara zahagarara mu nkegero z'umujyi;
21. Gutera inkunga abantu batanu bifuza kujya mu rugendo shuri mu mahanga (RURA n'Umujyi wa Kigali).
22. Gushyira udutabo tugaragaza ibiciro kuri Airport,R.D.B,Immigration(ahatangirwa impushya z'abinjira n'abasohoka mu gihugu n'ahandi hagera abantu benshi.

Bikorewe muri Hoteli La Palisse Nyandungu
kuwa 15 Werurwe 2009

MUKAMURERA Veneranda
Umuyobozi w'ishami rishinzwe kurengara umufatabuguzi